

Gushyirwaho igitutu cyo gusubira mu gihugu umuntu akomokamo

Ibihugu by'amahanga bikora ibangamira rituruka mu mahanga bishobora kugerageza guhatira abantu kuva muri New Zealand batabishaka kugira ngo basubire mu gihugu bakomokamo. Ibi bizwi nko **gusubizwa ku gahato mu gihugu cy'inkomoko**.

Kugira ngo ibi bigerweho, igihugu cy'amahanga gishobora:

- gushyiraho ibihano byo guhagarika ingendo ku bantu cyangwa umuryango wabo cyangwa abo bafitanye isano kugira ngo bahagarike ingendo kandi babashyireho igitutu cyo gusubira mu gihugu bakomokamo
- gufatira imitungo n'amafaranga yabo mu gihugu bakomokamo
- gutoteza cyangwa gutera ubwoba umuryango, inshuti, cyangwa abo bafitanye isano bari mu gihugu bakomokamo, cyangwa kubashyiraho igitutu kugira ngo bashishikarize uwo muntu gusubirayo.

Ni ngombwa kwibuka ko gusubizwa ku gahato mu gihugu umuntu akomokamo atari ikintu abantu benshi bakunda guhura na cyo, nubwo baba bibasiwe n'ibangamira rituruka mu mahanga.

Kohereza Umuntu mu Gihugu

Kohereza umuntu mu gihugu ni iki?

Kohereza umuntu mu gihugu ni uburyo bwemewe n'amategeko hagati y'ibihugu bwo kugarura umuntu kugira ngo akurikiranweho ibyaha cyangwa arangize igihano. Uburyo New Zealand ikoresha mu kohereza abantu mu bihugu busobanurwa mu Itegeko ryo mu 1999 ryo Kohereza Umuntu mu Gihugu cye.

Kohereza umuntu mu gihugu cye byemewe n'amategeko si uburyo bufatwa nk'ibangamira rituruka mu mahanga.

Igihe koherezwa mu gihugu bishobora gusabwa

Iyo umuntu yatanze ibirego by'ibyaha mu gihugu akomokamo, cyangwa se akaba atararangije igihano yahawe, icyo gihe icyo gihugu gishobora gusaba icyo gihugu uwo muntu atuyemo ko cyamwoherezayo.

Igihe gisaba koherezwa umuntu gishobora kwishingikiriza ku masezerano mpuzamahanga cyangwa amategeko y'imbere mu gihugu cy'amahanga. Itegeko ryo Kohereza

Umuntu mu Gihugu cye ntirisaba ko igihugu cy'amahanga kiba gifitanye amasezerano yo koherezanya abantu na New Zealand kugira ngo gisabe kohererezwa umuntu.

Ubusabe bwo koherezwa mu gihugu ni ugusaba guta muri yombi no kohereza umuntu uvugwa mu gihugu cye kugira ngo aburanishirizwe cyangwa akomereze igihano mu gihugu akomokamo.

Uko New Zealand ifata ubusabe bwo kohereza abantu mu mahanga

Muri New Zealand, ubusabe bwo kohereza abantu mu mahanga butangwa n'ibindi bihugu busuzumwa na Leta n'urukiko.

Amategako ya New Zealand asaba abayobozi kwanga ubusabe bwo kohereza abantu mu mahanga niba bwifashishwa nko kwibasira abo batavuga rumwe muri politiki.

Ibi birimo aho umuntu akurikiranwa hagamijwe kumuhana hashingiwe ku ibara ry'uruhu rwe, ubwoko bw'inkomoko, idini, ubwenegihugu, igitsina, cyangwa indi mimerere, cyangwa ibitekerezo bye bya politiki, cyangwa ku cyaha gishingiye kuri politiki (nk'ibifitanye isano n'ibitekerezo cyangwa ibikorwa bya politiki by'umuntu).

New Zealand kandi ishobora kwanga ubusabe bwo kohereza umuntu mu gihugu cy'amahanga iyo ikirego uwo muntu aregwa kitatanze ku bw'impamvu nziza cyangwa kitari mu nyungu z'ubutabera. Ikirego gishobora kwangwa niba hashingiwe ku bihari byose, kugarura uwo muntu muri icyo gihugu byaba bitarimo ubutabera cyangwa birimo ubugome.

Uko kohereza umuntu mu gihugu runaka bikurikiranwa muri New Zealand

Iyo hari urwandiko rufite agaciro rwo guta muri yombi umuntu cyangwa ibirego nshinjabyaha biva mu kindi gihugu, Leta ya New Zealand ikora igikorwa cyo kohereza umuntu mu mahanga ikurikije uko bikorwa mu buryo bwemewe ku rwego mpuzamahanga. Inzego z'ubutegetsi zo mu gihugu cy'amahanga ntizishobora guta muri yombi, gufunga cyangwa kwegera abantu bari muri New Zealand nka kimwe mu bigize iyoherezwa mu mahanga ry'umuntu.

Aho wakura ubufasha

Guhagararirwa no guhabwa inama mu by'amategako

Inzego za leta zishyira mu bikorwa iyoherezwa mu mahanga ry'abantu, ariko ntizishobora gutanga inama mu by'amategako ku bantu.

Ibyo bisobanura ko uwo ari we wese urebwa n'ubusabe bwo koherezwa mu mahanga agomba kuvugisha umunyamategeko uzobereye mu iyoherezwa ry'abantu mu mahanga, uburenganzira bwa muntu, n'amategako mpuzamahanga.

[Menya byinshi ku byerekeye ubufasha mu by'amategako buboneka muri New Zealand hano.](#)